UMURYANGO W'ABIBUMBYE
Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha

*Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha ("IRMCT") rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye ku itariki ya 22 Ukuboza 2010 kugira ngo rukomeze ububasha, uburenganzira, inshingano n'imirimo y'ingenzi by'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda ("TPIR") n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho Icyahoze ari Yugosilaviya ("TPIY") zasoje imirimo yazo mu mwaka wa 2015 n'uwa 2017, uko zikurikirana*

# DISIKURU

PEREZIDA

*(Iyi nyandiko igenewe gukoreshwa n'itangazamukuru gusa, ntigenderwaho mu mirimo ya IRMCT)*

## Ijambo Umucamanza Graciela Gatti Santana, Perezida w'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha (IRMCT), yagejeje ku Nama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye

## 11 Kamena 2024

**Murakoze cyane, Nyakubahwa Perezida.**

Munyemerere mbanze mbabwire ko nshimishijwe no kuba mwarahawe inshingano zo kuyobora Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi kandi nshimire, mbikuye ku mutima, iyi Nama kubera inkunga itera Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha. Ntewe ishema no kubagezaho iri jambo mu izina rya IRMCT, yishimiye kuba yarashinzwe gusigasira umurage w'inzego zayibanjirije, ni ukuvuga Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho icyahoze ari Yugosilaviya.

**Nyakubahwa Perezida,**
**Ba Nyakubahwa,**
**Namwe mwese muteraniye aha,**

Muri uyu mwaka habaye *Kwibuka30*, umuhango wo kwibuka, ku ncuro ya 30, jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu mwaka wa 1994. Iki gikorwa cyo kwibuka ku mugaragaro nticyibanda gusa ku minsi 100 y'amarorerwa yabaye mu Rwanda, ahubwo kinagaragaza ko jenoside itabaho mu buryo buhutiyeho kandi ko imbuto z'amacakubiri ashingiye ku moko yaje kubyara ibikorwa by'urugomo byakozwe muri jenoside, zari zarabibwe kera cyane. Nk'uko ibisabwa kugira ngo jenoside n'ibindi byaha by'amarorerwa bibeho ari byinshi cyane kandi bikaba bigenda birushaho kugira ubukana uko iminsi igenda yicuma, ni na ko inzira yo gushaka ubutabera binyuze mu kuburanisha imanza z'ibyaha by'urugomo n'amarorerwa byabikomotseho imara igihe kirekire ikanasaba inkunga irambye. Tuzongera

kwiyibutsa ayo masomo umwaka utaha, ubwo tuzaba twibuka, ku ncuro ya 30, jenoside yabaye ahitwa Srebrenica.

Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi yagize uruhare rukomeye mu gushyiraho gahunda yo gushaka ubutabera mu Rwanda no mu cyahoze ari Yugosilaviya, ishyiraho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga zahawe inshingano zo gukurikirana abantu bakoreye amarorerwa muri ibyo bihugu. Zibifashijwemo n'inkunga zitahwemye guterwa n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi, izo Nkiko mpuzamahanga zidahoraho zabashije, mu buryo buhamye, gusobanura no gushyira mu bikorwa Amasezerano yerekeranye na jenoside n'Amategeko mpuzamahanga arengera abantu mu gihe cy'intambara. Zaryoje ibyaha abantu bagize uruhare rukomeye kurusha abandi muri jenoside, mu ikorwa ry'ibyaha by'intambara n'ibyaha byibasiye inyokomuntu mu Rwanda no mu Cyahoze ari Yugosilaviya, mu manza zaburanishije mu rw'iremezo no mu bujurire, zubahirijwemo ibisabwa byo mu rwego rwo hejuru ku byerekeranye no guca imanza mu buryo buboneye.

Nyamara ariko, ubutabera si igikorwa kirangirana n'isomwa ry'imikirize y'urubanza. Ibyo ni ibintu mwese, uko muteraniye muri iki cyumba, musanzwe muzi. Iyi Nama Ishinzwe Amahoro yaranzwe n'ubushishozi, ubwo yashyiragaho IRMCT kugira ngo ikomeze inshingano z'Inkiko mpuzamahanga zidahoraho zombi kandi ikayiha inshingano y'ingenzi yo kurangiza imirimo y'insigarira ikurikira, byanze bikunze, isozwa ry'imanza haba mu rw'iremezo cyangwa mu bujurire. N'ubwo abantu batarangamira iyo mirimo nk'uko babigenza iyo hari urubanza rw'ingenzi rwaciwe, na yo ni ingirakamaro. Mu by'ukuri, gusoza iyo nzira yo gushaka ubutabera dukomeza gukorana umurava, umutima wa kimuntu no kuburanisha mu buryo buboneye, bituma gahunda yo gutanga ubutabera yatangijwe n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi igirirwa icyizere. Ni ikintu cy'ingenzi mu gukumira ibyaha, bikaba ingirakamaro kuri iki gikorwa duhuriyeho cyo kuryoza abantu ibyo bakoze.

Ntewe ishema no kubabwira ko, nk'uko bigaragara muri Raporo yacu ya 5 y'isuzumabikorwa, mu myaka ibiri ishize, IRMCT yateye intambwe ikomeye: iburanisha ry'imanza zirebana n'ibyaha by'ibanze ryarasojwe, kandi IRMCT yasoje icyiciro cyayiganishaga ku kuba urwego rushinzwe gukora imirimo y'insigarira nyirizina. Byongeye kandi, nk'uko byavuzwe muri Raporo ya IRMCT yo muri Gicurasi igaragaza imirimo yakozwe, hari indi nshingano yujujwe ubwo Porokireri wa IRMCT yemezaga ko, magingo aya, yasoje igikorwa cyo gushakisha abantu bose bakorewe inyandiko z'ibirego na TPIR, batari barafashwe. Dukomeje urugendo twerekeza ku musozo w'inshingano twahawe..

**Nyakubahwa Perezida,**

Nyuma y'isuzuma ry'intambwe yatewe mu myaka ibiri ishize, ubu IRMCT yiyemeje gushyira mu bikorwa ibyo Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi yayisabye, mu Cyemezo cya 2637, ko igomba gutanga gahunda, isobanutse kandi irasa ku ntego, igaragaza igihe IRMCT izasoreza imirimo yayo yose n'uburyo bunyuranye igikorwa cyo kwimurira ahandi imirimo yayo isigaye cyagenda. Ibintu nimirije imbere nkimara guhabwa inshingano nka Perezida wa IRMCT byari bishingiye kuri ayo mabwiriza. Imanza zerekeranye n'ibyaha by'ibanze zikimara gusozwa, nashishikariye kugeza ku Nama Ishinzwe Amahoro ku Isi inyandiko iteganya ibigomba gukorwa, izayobora gahunda za IRMCT mu gushyira mu bikorwa indi mirimo y'insigarira yashinzwe.

Ubu icyo gikorwa cyihutirwaga cyararangiye, nyuma y'aho, muri Mata, ntangiye Inyandiko iteganya ibigomba gukorwa mu kurangiza imirimo IRMCT yashinzwe. Iyi nyandiko, ikubiyemo amakuru arambuye, igaragaza imibare y'abakozi bazakenerwa bitewe n'imirimo igomba gukorwa, yubakira ku bitekerezo by'abafatanyabikorwa b'ingenzi kandi, ku byerekeranye no kuba imirimo ya IRMCT ishobora kwimurirwa ahandi, yerekana uburyo bunyuranye byakorwamo ikanatanga inama z'uburyo byakorwamo. IRMCT irashimira Komite ishinzwe gukurikirana ibikorwa by'Inkiko mpuzamahanga yashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi bitanyuze mu nzira zisanzwe zikurikizwa kubera ubushishozi yasuzumanye iyo Nyandiko iteganya ibigomba gukorwa mu kurangiza imirimo IRMCT yashinzwe, n'uburyo yagaragaje ubufatanye mu gushakisha inzira ikwiye kandi iboneye yo gusoza imirimo ya IRMCT. Iyo Nyandiko iteganya ibigomba gukorwa mu kurangiza imirimo IRMCT yashinzwe ni inyandiko ikomeje kugenda inonosorwa, kandi IRMCT izakomeza gukurikirana ibintu bishya bizagenda bibaho maze ihindure gahunda zayo ikurikije inama zanyu n'ukuntu ibintu bizaba byifashe mu gihe kiri imbere.

Uretse iyo ntambwe yatewe, hari no kuba Ibiro bishinzwe serivise z'igenzura ry'imbere mu Muryango w'Abibumbye byarakoze isuzuma rikwiye mu rwego rwo kureba niba imirimo y'insigarira ya IRMCT ari ingirakamaro, inoze kandi itarangwamo guhuzagurika mu gihe cy'imyaka ibiri ishize. IRMCT irashima inama zifatika yahawe n'Ibiro bishinzwe serivise z'igenzura ry'imbere mu Muryango w'Abibumbye zigamije kuyifasha kurushaho kunoza ibikorwa byayo, kandi ubu yatangiye gufata ingamba zo kuzishyira mu bikorwa.

Nk'urwego rwashyiriweho kubaza abantu ibyo bakoze, IRMCT izirikana ko, na yo ubwayo, igomba kugaragaza ko yuzuza inshingano zayo zerekeranye n'intego y'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'uko

igomba kuba “urwego ruto, rukora neza kandi rudahoraho, ruzagenda rugabanuka haba mu bunini no mu mirimo rukora, rugakoresha abakozi bake bazagenda bagabanywa hakurikijwe uko imirimo yarwo izagenda igabanuka”. Mu rwego rwo gukurikiza iyo ntego, ingengo y’imari ya IRMCT mu gihe cy’imyaka ibiri ishize yagabanutse ku kigero kirenga 25%. Muri Nzeri 2024, IRMCT izarushaho kugabanya ahantu yakoreraga kubera ko ibiro byayo by’i Kigali bizafungwa. Mu Ukuboza, IRMCT izaba kandi yamaze gukuraho imyanya y’akazi iri hafi kugera kuri kimwe cya kabiri cy’imyanya yose, ugereranyije n’imibare y’abakozi twari dufite mbere y’iyi myaka ibiri ishize.

Hagati aho, turacyakomeza kunoza imirimo dushinzwe, mu buryo bunyuranye burimo kuvugurura imikorere yacu ku byerekeranye no kugenzura irangizwa ry’ibihano n’imikoranire myiza n’izindi nzego. Dukomeje kandi kwegurira izindi nzego z’Umuryango w’Abibumbye zihoraho zibishoboye, imirimo myinshi yo mu rwego rw’ubuyobozi twari dusanzwe dukora. Byongeye kandi, muri Gashyantare uyu mwaka, Abacamanza ba IRMCT bakuye mu Mategeko Agenga Imiburanishirize n’Itangwa ry’Ibimenyetso uburyo bwakoreshwaga mu kuvana inyandiko mu rwego rw’inyandiko z’ibanga, bwasabaga abakozi benshi, kubera ko icyo gikorwa kitari ingenzi ku byerekeranye no guha rubanda uburyo bwo kubona inyandiko z’ibanga kandi kikaba kitaranashoboraga kurangira mu gihe gishyize mu gaciro.

**Bwana Perezida**

Muri iki cyiciro gishya cyo gukora imirimo y’insigarira nyirizina, IRMCT iracyafite akazi k’ingirakamaro igomba gukora kandi ikeneye abakozi bahagije kugira ngo ishobore kugakora. Ako kazi ni kenshi kandi ntikigeze kabaho mu nkiko mpuzamahanga n’izashyizwe kuri urwo rwego. IRMCT yasigaranye inshingano zikomeza zakomotse ku kuba hari abantu barenze 250 bakorewe inyandiko z’ibirego. Imanza zakomotse kuri izo nyandiko z’ibirego zatanzwemo ubuhamya n’abatangabuhamya barenze ibihumbi 6 na 800, muri bo hafi ibihumbi 3 na 200 bakaba barashyiriweho ingamba zo kubarindira umutekano, zibyara inyandiko ubu watondekanya ahantu hareshya n’ibirometero bine kandi byitezwe ko iyo ntera izagera ku birometero icyenda.

Muri urwo rwego, IRMCT ikomeje inshingano ifite yo kugenzura uburyo ibihano byatanzwe birangizwa, ubu hakaba hari abantu 41 bahamijwe ibyaha barimo kurangiriza ibihano mu bihugu 12 n’abandi barindwi tugifite. Mu bihe bya vuba biri imbere, hitezwe ko akazi kerekeranye n’iyo nshingano kaziyongera uko umubare w’abafungwa bageze mu cyiciro cyo kuba harebwa niba bafungurwa mbere y’igihe uzagenda wiyongera. Muri iki cyiciro, birakenewe cyane ko haboneka inkunga ihagije. Cyakora,

ako kazi kazagenda kagabanuka, IRMCT na yo igende igabanya ingano y'umutungo izaba ikeneye, ishingiye kuri iryo gabanuka ry'akazi ariko nanone ikora ku buryo uburyo abantu bakatiwe bafunzwemo buba bwubahirije ibisabwa byo ku rwego mpuzamahanga.

IRMCT ikomeje kandi inshingano yayo yo gucunga no kubungabunga inyandiko ziri mu bushyinguranyandiko bw'Inkiko zidahoraho na IRMCT, no korohereza abantu kuzigeraho. Iyi nshingano ifite aho ihuriye cyane n'imwe mu nshingano z'ingenzi zihutirwa nihaye, ni ukuvuga iyo gushimangira umurage utagira ingano w'izi Nkiko, ushobora kuba intwaro ikomeye mu kurwanya ibikorwa byo guhakana no gupfobya jenoside. Indi nshingano ifitanye isano n'iyi, ni uko IRMCT ikomeje kwakira no gusuzuma ubusabe bwo kwemererwa kugera ku bimenyetso by'ibanga bibitse mu bushyinguranyandiko bwayo, n'ubw'uko ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya zashyizweho zihindurwa. Ingingo ya 28 ya Sitati yacu iha IRMCT inshingano yo kwita ku nyandiko zisaba ubufasha zitanzwe n'abayobozi bo mu bihugu. Iyi nshingano ituma, nyuma y'isuzuma rikwiye riba ryakozwe n'Abacamanza, dushobora guha amakuru y'ingenzi inkiko z'ibihugu zikomeza gukora, ku rwego rw'ibihugu, akazi ko guharanira ko abantu bakoze ibyaha babiryozwa, kandi ituma umusaruro uba mwinshi mu buryo bunyuranye ku byerekeranye no gutanga ubutabera muri rusange. Mu igenzura riherutse gukorwa n'Ibiro bishinzwe Serivise z'igenzura ry'imbere mu Muryango w'Abibumbye, ibyo Biro byibanze kuri icyo gikorwa maze, nyuma y'amakuru atuvuga neza byahawe n'ibihugu bigize Umuryango w'Abibumbye n'abandi bafatanyabikorwa bacu, bifata umwanzuro uvuga ko IRMCT yafashije uko bikwiye inkiko zinyuranye mu maperereza no mu manza.

Hashingiwe ku Ngingo ya 24 ya Sitati, IRMCT ifite n'ububasha bwo gusubiramo icyemezo gihamya icyaha uregwa, iyo hari ikintu cyabaye gishya kigaragaye cyerekana ko icyemezo cyafashwe mbere gishobora kuba kirimo ikosa. Mu rubanza rwa Gérard Ntakirutimana, ubu rurimo gusuzumwa n'Urugereko rw'Ubujurire, hatanzwe amakuru mashya avuga ko hari umutangabuhamya ushobora kuba yaratanze ubuhamya bw'ikinyoma bwagize uruhare rukomeye mu ifatwa rya bimwe mu byemezo bihamya icyaha Ntakirutimana. Kubera iyo mpamvu, Urugereko rw'Ubujurire rwemeye ko hazabaho urubanza rwerekeranye no gusubiramo imikirize y'urwa mbere ariko ku byerekeranye n'ubwo buhamya gusa, kugira ngo hasuzumwe niba hashobora kuba harabayeho guca urubanza nabi. Uburenganzira bw'umuntu wahamijwe icyaha bwo gusaba ko imikirize y'urubanza rwe isubirwamo, bukomoka ku burenganzira buteganywa n'Amasezerano mpuzamahanga yerekeranye n'uburenganzira mu by'imbonezamubano no mu bya poritike, ni ikintu cy'ingenzi. Ibyifuzo bisaba bene iryo subiramo ntibigira igihe ntarengwa bigomba gutangwamo kandi, n'ubwo kubyemera byagiye bibaho gake cyane, ni ngombwa ko gushobora gukoresha ubwo burenganzira bihoraho kugira ngo uburenganzira bw'ibanze

burengerwe, hanakorwe ku buryo imanza zacu ziburanishwa mu buryo buboneye n'umurage wacu ukagirirwa icyizere.

IRMCT ikomeje kandi kwita ku bantu bakorewe ibyaha no ku batangabuhamya, bagize uruhare rukomeye cyane mu manza zaburanishijwe n'Inkiko mpuzamahanga. Muri urwo rwego, IRMCT ifite ububasha bwo gukurikirana abantu bakekwaho imyitwarire ibangamira imirimo y'ubutabera, n'abakekwaho ko batanze ubuhamya bw'ikinyoma mu Rukiko, mu manza yaburanishije cyangwa mu zaburanishijwe n'Inkiko zidahoraho. Cyakora, izirikana ko Sitati iyitegeka kubanza gusuzuma niba izo manza zitakoherezwa inkiko z'ibihugu mbere yo gutangira kuziburanisha. Ibi bigaragarira ku byabaye ku rubanza rwa Šešelj na bagenzi be, rwerekeranye n'icyaha cyo gusuzugura Urukiko, ruherutse koherezwa urukiko rw'igihugu, no mu isuzuma ririmo gukorwa n'Umucamanza umwe rukumbi rigamije kumenya niba urubanza rwa François Ngirabatware, rwerekeranye no gusuzugura Urukiko, rukwiye koherezwa mu rukiko rw'igihugu. Kuba IRMCT igifite ububasha bwo gukurikirana abantu kubera ibi byaha, bica intege abantu ku byerekeranye n'icyaha cyo kubangamira imirimo y'ubutabera kandi ni kimwe mu bintu by'ingenzi mu kurinda umutekano w'abatangabuhamya no kuburanisha imanza mu mucyo.

**Bwana Perezida,**

Nk'uko bisanzwe, ubushobozi bwacu bwo gutanga ubutabera, bushingira ku bufatanye bw'ibihugu. Ku byerekeranye n'ibi, nk'uko bivugwa muri Sitati, ubwo bufatanye buri mu nzego ebyiri. Burimo inshingano ya IRMCT yo gutera inkunga inkiko z'ibihugu yita ku byifuzo bisaba ubufasha ariko bukanabamo inshingano ibihugu bifite yo gufatanya na IRMCT mu gushakisha no gucira imanza abantu baregwa ibyaha ifite ububasha bwo kuburanisha. Ibyo Porokireri aherutse gutangaza vuba aha, ko yasoje igikorwa cyo gushakisha abantu ba nyuma bakorewe inyandiko y'ibirego na TPIR, bari batarafatwa, byerekena ko ubwo bufatanye bwageze ku musaruro ushimishije. Ku rundi ruhande ariko, kuba Seribiya ikomeje kwanga gufatanya na IRMCT mu rubanza rwerekeranye no gusuzugura Urukiko, ruregwamo Petar Jojić na Vjerica Radeta, ni imbogamizi ikomeje kubera IRMCT inzitizi mu gukora imirimo yashinzwe, imaze hafi imyaka icumi ibangamira ubushobozi bwacu bwo kuburanisha abantu barezwe.

Cyakora, nk'uko byavuzwe haruguru, iyo urubanza rumaze gucibwa, imirimo y'ubutabera ntiba irangiriye aho. Imirimo yerekeranye n'irangizwa ry'ibihano, itangira nyuma y'isomwa ry'urubanza ruciwe burundu, na yo ni kimwe mu byiciro by'ubutabera. Kugira ngo IRMCT ishobore gukora iki gice cya manda yayo, iracyakeneye ubufatanye bwuzuye kandi budatezuka bw'ibihugu. IRMCT izi neza ibyo

ibihugu binyuranye byakoze muri urwo rwego kandi irabishimira ibikuye ku mutima kubera ubwo bufatanye bikomeje kuyigaragariza. Cyakora, kugera ubu hari abantu bake bahamijwe ibyaha batarabona ibihugu barangirizamo ibihano kandi na Félicien Kabuga ntarabona igihugu kizamwakira namara gufungurwa by'agateganyo. Muri urwo rwego, uruhare rwa buri gihugu mu bigize iyi Nama ni ingenzi.

Ikibazo cy'abantu byemejwe ko ari abere cyangwa bafunguwe, bimuriwe muri Nijeri, kugera n'ubu kitarabonerwa umuti kandi bikaba bibabaje, ni ikintu kibi kitwibutsa ko inzitizi zikiriho mu rwego rw'ubufatanye. Ndongera gusaba Ibihugu bigize iyi Nama kugira icyo bikora kugira ngo icyo kibazo gishobore kubonerwa umuti urambye vuba bishoboka. IRMCT ikomeje gukora ibishoboka byose ariko ikibazo cy'icyo gihirahiro cyakemurwa gusa binyuze mu bufatanye bwayo n'amahanga.

Inkunga ihoraho y'ibihugu n'abandi bafatanyabikorwa ni ingenzi kugira ngo ubutabera bushobore kugerwaho. Iyo nkunga iramutse itabonetse, icyizere abantu bafitiye ubutabera mpuzamahanga muri rusange cyaba kiri mu kaga. Ntibikwiye ko IRMCT yasabwa kurangiza, yonyine, iyo nshingano kandi ntiyanabishobora.

**Bwana Perezida,**

Mu gusoza, ndagira ngo mvuge ko IRMCT, ibifashijwemo n'inkunga iharoraho y'iyi Nama, izashyira mu bikorwa ibyo ibasezeranyije muri iki cyumba, ko umuco wo kudahana utazahabwa intebe, ko ahubwo uzarandurwa binyuze mu bikorwa birambye by'ubutabera bigamije kwimakaza ubumuntu no guca akarengane. Imirimo ya IRMCT n'iy'Inkiko zayibanjirije yagize uruhare mu butabera bwatanzwe ku migabane ibiri, ibyara ubukemuramanza mpuzamahanga bwinshi, mu rwego rw'imanza mpanabyaha, inasiga amasomo menshi, akomoka ku byakozwe, azafasha inkiko zo mu gihe kizaza. Haracyari akazi k'ingutu ko kubungabunga uwo murage. Ni inshingano ifite akamaro gahoraho ku bantu bakorewe ibyaha no ku batangabuhamya, ku bantu bahamijwe ibyaha no ku bihugu bikenera ubufatanye bwacu, no ku byerekeranye no kubungabunga amateka n'ibikorwa byo kwibuka. Nyuma yo kujya mu cyiciro cyo gukora imirimo y'insigarira nyirizina, twagabanyije abakozi kandi dushyira ku murongo ibikorwa byacu ariko turacyashishikajwe no kurangiza ibyiciro bya nyuma by'inshingano mwaduhaye. IRMCT iriho kubera ko iyi Nama yiyemeje guharanira ubutabera kandi (IRMCT) yiteguye gukomeza kubuharanira kugeza ku ndunduro.

Mbashimiye kuba mwanteze amatwi.

****